RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 30 Nzeri -02 Ukwakira




P1-2. Amagare: Manizabayo Eric na Nzayisenga begukanye “Gisaka Race 2022”

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Amagare:** Manizabayo Eric na Nzayisenga begukanye "Gisaka Race 2022"

P2 **Football:** Ikipe ya Rayon Sports ni yo iyoboye urutonde rwa shampiyona

P3 **Basketball:** REG BBC na APR BBC ntabwo zitwaye neza muri Tanzania

P3 **ARPST:** Amakipe azakina imikino ya nyuma yaramenyekanye

P4 **Volleyball:** Gisagara VC na APR VC zatangiye shampiyona zitwara neza

P5 **Triathlon:** Hakizimana na Uwizeye ni bo begukanye "Rwamagana Duathlon National Championship 2022"

P6 **Kung Fu Wushu:** Hatangiye amajonjora ya shampiyona y'igihugu

P7 **Cricket:** Zonic Tigers CC yegukanye "Dafabet RCA T20 League 2022"

1

# Amagare: Manizabayo Eric na Nzayisenga begukanye "Gisaka Race 2022"

Mu isiganwa ry'amagare "Gisaka Race2022" ryabereye mu Karere ka Kirehe taliki 01 Ukwakira 2022, Manizabayo Eric "Karadiyo" na Nzayisenga Valentine ni bo bitwaye neza baza ku mwanya wa mbere. Iri siganwa ryateguwe biciye mu bufatanye bw'ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda " FERWACY" n' Akarere ka Kirehe. Abasiganwe bakoreye mu mihanda ya Nyakarambi, Cyunuzi na Rusumo.

Amakipe 18 arimo 11 y'abanyamuryango ba FERWACY ni yo yitabiriye isiganwa. Harimo ibyiciro byombi abagore n'abagabo mu bakuze n'abakiri bato.

Mu cyiciro cy'abagabo basiganywe ku ntera ya kilometero 102,8 naho mu bagore n'ingimbi bo basiganwe mu ntera ya kilometero 87,7.

Ku ikubitiro hahagurutse abifuza kugaragaza impano zabo mu mukino w'amagare by'umwihariko abana bakiri bato, muri gahunda yo gushaka abazakoreshwa mu mwaka wa 2025, ubwo u Rwanda ruzaba rwakira shampiona y'Isi.

Mu kuzenguruka inshuro eshatu banyura muri iyo mihanda, Manizabayo Eric ni we wayoboye bagenzi be inshuro zose ariko inyuma ye yari kumwe na Uwiduhaye bakinana muri Benediction wamufashaga guhangana na Uhiriwe Byiza Renus wakinaga ku giti cye.

Ibi byatumye bakomeza gusiga abo basiganwaga ku ntera y'iminota ibiri, isiganwa ryegukanwa na Manizabayo Eric.

Iri siganwa ryatangijwe ndetse rinitabirwa n'umuyobozi w'aka Karere, Rangira Bruno ndetse n'Umuyobozi wungirije wa FERWACY, Karangwa François.

Manizabayo Eric yavuze ko ibirometero 50 bya mbere byabanje kumugora akomeza gushyiramo imbaraga arahatana kugeza atsinze. Yavuze ko kuri ubu ari gukora cyane kugira ngo arebe ko yabona ikipe yo hanze ikomeye yajya gukinira nk'uwabigize umwuga.

Umuyobozi w'Akarere ka Kirehe, Rangira Bruno we yavuze ko biyemeje kujya bategura "Gisaka Race" buri mwaka nyuma yo kubona uburyo iri rushanwa ryagenze neza.Yavuze ko iri rushanwa bariteguye mu rwego rwo kwizihiza umunsi wo gukunda igihugu ngo bakaba bagiye kurushaho kujya baritegura buri mwaka mu rwego rwo gushimisha abanya-Kirehe no kubakundisha siporo.

Perezida wa FERWACY, Murenzi Abdallah yavuze ko iri rushanwa ryagenze neza birenze n'uko babitekerezaga, yemeza ko ryafashije abakinnyi mu kwitegura andi marushanwa menshi bafite imbere.

*Komeza kuri P. 2*






## Amagare: Manizabayo Eric na Nzayisenga begukanye "Gisaka Race 2022"

*Ibikurikira P.1*

### Uko abakinnyi bitwaye muri buri cyiciro

- **Men Elite & U-23 (102,8 km)**

**1.** Manizabayo Eric  02h37'55"
**2.** Uhiriwe Byiza Renus 02h41'51"
**3.** Uwiduhaye 02h41'52"

- **Men Juniors (87.6 km)**

**1.** Tuyizere Hashimu 02h18'40"
**2.** Uhiriwe  Espoir  02h23'30"
**3.** Mushinzimana Jean Bosco 02h23'30"

- **Women Elite  (87.6 km)**

**1.** Nzayisenga Valentine 02h34'00"
**2.** Ingabire Diane 02h35'41"
**3.** Tuyishime Jacqueline 02h37'46"

- **Women Juniors (87.6 km)**

**1.** Nyirahabimana Claudette 02h33'40"
**2.** Umwamikazi Djazilla 02h39'50" 06'10"
**3.** Uwera Aline 02h42'50" 09'10"




*Abakinnyi basoreje mu myanya itatu y'imbere, Manizabayo Eric (hagati), Uhiriwe (ibumoso) na Uwiduhaye (iburyo)*







## Football: Ikipe ya Rayon Sports ni yo iyoboye urutonde rwa shampiyona

Taliki 01 na 02 Ukwakira 2022 habaye imikino y'umunsi wa 4 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo. Ikipe ya Rayon Sports yitwaye neza itsinda Marines FC ibitego 3-2 ihita ifata umwanya wa mbere ku rutonde rw'agateganyo n'amanota 12.

**Uko imikino yagenze**
**Taliki 01-10-2022**

- Bugesera FC **3-1** Etincelles FC
- Kiyovu **1-2** Sunrise FC
- Marines FC **2-3** Rayon Sports
- Mukura **2-3** Gorilla FC

**Taliki 02-10-2022**

- Musanze FC **2-1** Espoir FC
- Police FC **0-2** Gasogi United FC
- Rutsiro FC **1-2** AS Kigali
- Rwamagana City **2-3** APR FC

**Uko urutonde ruhagaze**

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | Rayon Sports | 4 | 12 |
| 2 | Gasogi United FC | 4 | 10 |
| 3 | Kiyovu | 4 | 9 |
| 4 | Gorilla FC | 4 | 7 |
| 5 | Sunrise FC | 4 | 7 |
| 6 | AS Kigali | 2 | 6 |
| 7 | APR FC | 2 | 6 |
| 8 | Musanze FC | 3 | 6 |
| 9 | Rutsiro FC | 4 | 4 |
| 10 | Etincelles FC | 4 | 4 |
| 11 | Mukura | 3 | 3 |
| 12 | Bugesera FC | 3 | 3 |
| 13 | Espoir FC | 4 | 3 |
| 14 | Marines FC | 4 | 1 |
| 15 | Police FC | 3 | 0 |
| 16 | Rwamagana City FC | 4 | 0 |



## Basketball: REG BBC na APR BBC ntabwo zitwaye neza muri Tanzania

Ikipe ya REG BBC yegukanye shampiyona y'u Rwanda ndetse na APR BBC zari zaserukiye u Rwanda mu mikino y'Akarere ka 5 yabereye i Arusha muri Tanzania kuva taliki 26 Nzeri kugeza 01 Ukwakira 2022.

Aya makipe yari yaserukiye u Rwanda, ikipe ya APR BBC yasoreje ku mwanya wa 3 itsinze ikipe ya REG BBC amanota 42 kuri 39.

Ikipe ya Alexandria SC yo mu Misiri ni yo yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya KPA yo muri Kenya amanota 78 kuri 67. Iyi kipe ya Alexandria SC yageze ku mukino wa nyuma isezereye REG BBC muri ½ ku manota 79 kuri 45 naho KPA isezerera APR BBC ku manota 61 kuri 39.

Iyi kipe ya Alexandria SC ni yo izaserukira aka Karere ka 5 mu mikino y'Afurika y'amakipe "FIBA Africa Club Championship 2022" izabera i Maputo muri Mozambique.

Umwaka ushize wa 2021, ikipe ya REG BBC na The Hoops ni zo zari zaserukiye u Rwanda muri Zone 5. Ikipe ya REG BBC yasoreje ku mwanya wa 3 naho The Hoops yegukana umwanya wa 4.



*Ikipe ya APR BBC yegukanye umwanya wa 3*



*Ikipe ya REG BBC yegukanye umwanya wa 4*



*Ikipe ya Alexandria SC yegukanye igikombe*

## ARPST: Amakipe azakina imikino ya nyuma yaramenyekanye

Mu mpera z'icyumweru gishize taliki 30 Nzeri kugera 02 Ukwakira 2022 hakinwaga imikino ya ½ mu mikino y'abakozi, aho yarangiye hamenyekanye amakipe azakina imikino ya nyuma .

**Uko imikino yagenze**
**Football**

- RwandAir 3-2 MoD

**Basketball**

- RMB **64-94** IPRC-Kigali
- RTD **39-42** OPM (umukino ntiwarangiye)

**Volleyball**

- WASAC **3-0** MoD
- MINISPORTS **3-0** Primature

Amakipe yamaze kugera ku mukino wa nyuma

**Football:** Rwandair (itegereje hagati ya RBC na NISR)
**Basketball:** RMB (itegereje hagati ya RTDA na PRIMATURE)
**Volleyball:** WASAC (irategereje hagati ya MINISPORTS na PRIMATURE).







# Volleyball: Gisagara VC na APR VC zatangiye shampiyona zitwara neza

Ikipe ya Gisagara VC mu bagabo na APR VC mu bagore zitwaye neza ku munsi wa mbere wa shampiyona ya Volleyball "Rwanda National Volleyball League 2022-2023".

Imikino ya shampiyona ya Volleyball mu bagabo n'abagore yatangiriye mu Karere ka Gisagara na Huye taliki 01 na 02 Ukwakira 2022.

Uyu mwaka uburyo buzakoreshwa, amakipe azajya ahurira ahantu hamwe mu gihe cy'iminsi ibiri akine hagati yayo hanyuma habe imikino ya ½ n'umukino wa nyuma ndetse no guhatanira imyanya kugira ngo hakorwe urutonde.

Mu mpera z'icyumweru gishize taliki 01 na 02 Ukwakira 2022, imikino ya shampiyona ni bwo yatangiye aho mu bagabo hitabiriye amakipe 8 ari yo REG BBC, Gisagara VC, APR VC, IPRC Ngoma, IPRC Musanze, KVC, Kirehe VC na ForeFront VC naho mu bagore ni amakipe 7 ari yo RRA VC, ForeFront VC , APR VC, Ruhango VC, IPRC Kigali VC, IPRC Huye VC na St Bernadette VC. Iyi kipe ya ForeFront VC ikaba ari iyahoze ari UTB VC.

Mu bagabo nyuma y'imikino y'amajonjora, ikipe ya Gisagara VC ni yo yitwaye neza yegukana umwanya wa mbere itsinze REG VC amaseti 3-0 (25-19, 25-14 na 25-22).

Ikipe ya Gisagara VC yari yageze ku mukino wa nyuma itsinze bigoranye ikipe ya APR VC amaseti 3-2 (23-25, 25-23, 25-19, 28-30 na 18-16). Naho REG VC yatsinze IPRC Ngoma VC amaseti 3-0 (25-23,25-18 na 25-20). Mu guhatanira umwanya wa 3, APR VC yatsinze IPRC Ngoma VC amaseti 3-0.

Nyuma y'imikino y'umunsi wa mbere, ikipe ya Gisagara VC iyoboye urutonde n'amanota 8, ikurikiwe na REG VC n'amanota 7, APR VC ku mwanya wa 3 n'amanota 6. Ku mwanya wa 4 hari IPRC Ngoma VC n'amanota 5, ForeFront VC (4), Kirehe VC (3), IPRC Musanze VC (2) na KVC (1).

Mu bagore, ikipe ya APR VC yegukanye umwanya wa mbere itsinze ForeFront VC amaseti 3-0 (25-18, 25-18 na 25-17). Ikipe ya APR VC yari yatsinze muri ½ ikipe ya RRA VC iyitsinze amaseti 3-0 (25-23, 25-16 na 26-4) naho ForeFront VC itsinda Ruhango VC amaseti 3-0 (25-18,25-15 na 25-18).

Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya RRA VC yatsinze Ruhango VC amaseti 3-0 (25-13, 25-13 na 25-16).

Nyuma y'umunsi wa mbere, APR VC iyoboye urutonde n'amanota 7, ikurikiwe na ForeFront VC (6), RRA VC (5), Ruhango VC (4), IPRC Kigali VC (3), IPRC Huye VC (2) na St Bernadette VC (1).

Shampiyona y'u Rwanda mu mukino wa Volleyball izakomeza taliki 15 na 16 Ukwakira 2022 gusa ntiharemezwa aho imikino izakinirwa.



*Ikipe ya Gisagara VC iyoboye urutonde mu bagabo*



*Ikipe ya APR VC iyoboye urutonde mu bagore*

## 5 Triathlon: Hakizimana na Uwizeye ni bo begukanye “Rwamagana Duathlon National Championship 2022”

Taliki 01 Ukwakira 2022, ishyirahamwe ry’umukino wa Triathlon mu Rwanda “RTF” ryateguye irushanwa rya kane muri uyu mwaka w’imikino “Rwamagana Duathlon National Championship 2022”, ribera mu Karere ka Rwamagana nyuma y’imyaka 7 ritahabera .

Hakizimana Felicien ukina ku giti cye mu bagabo na Uwizeye Valentine ukinira ikipe ya CS Karongi mu bagore ni bo begukanye iri rushanwa ryakinwe ku ntera ya kilometero 27,5.

Iri rushanwa ryaherukaga kubera i Rwamagana muri 2015, abasiganwa baturutse mu makipe atandukanye arimo CS Karongi, ikipe ya Kigali, Gicumbi Green TC, Abakinnyi bakomoka i Rwamagana ndetse n’abakinnye ku giti cyabo.

Uretse icyiciro cy’abagabo n’abagore, iri rushanwa kandi ryanitabiriwe n’abakinnyi bakuze kuko hagaragayemo umukinnyi wakinnye afite imyaka irenga 50 y’amavuko.

Iyi ntera ireshya na kilometero 27.5 abakinnyi bayisiganwe bahereye ku cyicaro cya Polisi i Rwamagana, banyura umuhanda werekeza ahasuzumirwa ibinyabiziga, bafata umuhanda munini Rwamagana-Kigali, bageze imbere gato ya Gare y’Akarere ka Rwamagana, bakomeje inzira yerekeza ahazwi nko mu Cyarabu, bagaruka aho batangiriye.

Ku ikubitiro, aba bakinnyi basiganwe kilometero 5 n’amagaru, aho bazengurutse inshuro ebyiri. Nyuma bazengurutse iyi ntera inshuro 8 ku igare basoza bakoze kilometero 20, basoza basiganwa ku maguru aho bakoze intera ya kilometero 2,5.

Mu bagabo, Hakizimana Felicien ni we wegukanye iri rushanwa aho yakoresheje 1h11'20". Yakurikiwe na Iradukunda Eric (1h13’40”) naho ku mwanya wa 3 haza Tuyisenge Samuel (1h13’43”) aba bombi bakaba bakinira ikipe ya CS Karongi.

Mu cyiciro cy’abagore, iri rushanwa ryegukanywe na Uwizeye Valentine ukinira ikipe ya CS Karongi aho yakoresheje 1h22'03". Yakurikiwe na Nyirarukundo Rosette (1h24'46") naho ku mwanya wa 3 haje Mutimukeye Saidate (1h25'00").

Uretse aba bakinnyi bakinnye mu cyiciro cy’abanyamwuga, hanahembwe abakinnyi bakinnye nk’abatarabigize umwuga. Nkubiri Boniface ufite imyaka 52 y’amavuko, Nizeyimana Eric ukinira ikipe ya Gicumbi na Bikorimana Theoneste wa Rwamagana bahembwe nk’abakinnyi bagaragaje guhatana n’ubwo bakoresheje amagare atari aya kinyamwuga.

Perezida wa RTF, Mbaraga Alexis yavuze ko irushanwa ryagenze neza kuko iyo risojwe nta mpanuka cyangwa ikindi cyaritambamiye biba ari byiza.Yakomeje avuga ko bishimira n’ubwitabire muri rusange cyane cyane ku ruhande ry’abagore. Mbaraga yashimiye Umuyobozi w’Akarere ka Rwamagana wakurikiranye iri rushanwa ndetse akiyemeza ko bagiye gushyigikira uyu mukino.

Umuyobozi w’Akarere ka Rwamagana, Mbonyumuvunyi Radjab yishimiye imikoranire iri hagati y’Akarere na RTF aniyemeza ko bagiye gushyira imbaraga muri uyu mukino cyane cyane mu bakiri bato kugira ngo mu minsi iri imbere hazabe hari abakinnyi bakomeye babaserukira ndetse banaserukira igihugu.

Yakomeje avuga ko mu irushanwa ry’ubutaha bazanafatanya na RTF mu kuritegura ndetse no guhemba abazitwara neza.



# Kung Fu Wushu: Hatangiye amajonjora ya shampiyona y'igihugu

Mu rwego rwo gutegura shampiyona y'igihugu "National Kung Fu Wushu Championship 2022" izaba taliki 06 Ugushyingo 2022, ishyirahamwe ry'umukino wa Kung Fu Wushu mu Rwanda "RKWF" ryatangiye amarushanwa y'amajonjora azazenguruka mu Ntara zose z'igihugu abitwaye neza abe ari bo bazahatana ku munsi wa nyuma.

Aya marushanwa y'amajonjora yatangiriye mu Mujyi wa Kigali taliki 02 Ukwakira 2022 aho yabereye mu Kigo cy'urubyiruko cya Kimisagara "Maison des Jeunes de Kimisagara".

Aya majonjora yahuje abakinnyi 31 bari baturutse mu makipe 11. Aba bakinnyi bari barimo abagabo 27 n'abagore 4.

Nyuma y'amajonjora abakinnyi 27 ni bwo babonye itike yo kuzitabira umunsi wa nyuma wa shampiyona y'igihugu.

Mu kwiyereka "Taolu" hakomeje abakinnyi 14 barimo abagabo 11 n'abagore 3 naho mu kurwana "Sanda" hakomeza abakinnyi 13 bose mu cyiciro cy'abagabo kuko mu bagore bataratangira guhatana muri iki cyiciro.

Biteganyijwe ko amajonjora y' ubutaha azabera mu Kigo cy'urubyiruko cya Vision JN i Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba taliki 09 Ukwakira 2022. Taliki 16 Ukwakira 2022 hazaba hagezweho Intara y'Iburasirazuba aho amajonjora azabera i Kayonza. Taliki 23 Ukwakira 2022, amajonjora azabera i Muhanga mu Ntara y'Amajyepfo naho taliki 30 Ukwakira 2022, amajonjora asorezwe i Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru.









# Cricket: Zonic Tigers CC yegukanye "Dafabet RCA T20 League 2022"

Ikipe ya Zonic Tigers CC ni yo yegukanye igikombe cy'irushanwa "Dafabet RCA T20 League 2022" itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Kigali CC ku kinyuranyo cy'amanota 58.

Uyu mukino wabereye kuri Sitade mpuzamahanga ya Gahanga ku Cyumweru taliki 02 Ukwakira 2022.

Muri uyu mukino wa nyuma muri iri rushanwa ryahuzaga amakipe yo mu cyiciro cya mbere mu bagabo, ikipe ya Zonic Tigers CC ni yo yabanje gukubita agapira ishaka amanota "Batting" maze mu dupira 120 (20 Overs) ikora amanota 164 mu gihe abakinnyi 6 basohowe mu kibuga (6 Wickets).

Ikipe ya Kigali CC yasabwaga amanota 165 ngo yegukane intsinzi yatangiye na yo gukubita agapira ishaka amanota "Batting" ubwo hari hamaze gukinwa udupira 116 (19.2 Overs), abakinnyi 10 basohowe mu kibuga ( 10 Wickets) mu gihe yari imaze gukora amanota 106.

Ikipe ya Zonic Tigers CC yahise yegukana intsinzi ku kinyuranyo cy'amanota 58.

Umukinnyi Niyitanga Wilson ukinira ikipe ya Zonic Tigers CC ni we witwaye neza muri uyu mukino aho yatsinze amanota 88 mu dupira 67 yakinnye.

Ikipe ya Zonic Tigers CC nyuma yo kwitwara neza yahawe igikombe ndetse na miliyoni 1 y'amafaranga y'u Rwanda. Ikipe ya Kigali CC yabaye iya kabiri yahawe ibihumbi 500.

Umukinnyi witwaye neza mu irushanwa ryose "MVP" yabaye Hamza Khan ukinira ikipe ya Kigali CC aho yahawe ibihumbi 200. Uyu mukinnyi kandi ni we wabaye uwakubise agapira neza kurusha abandi "Best Batter".

Mu bandi bahembwe harimo Akayezu Martin ukinira Zonic Tigers CC wabaye umukinnyi wahize abandi mu gutera agapira « Best bowler" naho Uwimana David aba umukinnyi wakinnye neza mu kibuga hagati "Best Fielder".

Nyuma yo kwegukana igikombe, Perezida wa Zonic Tigers CC, Eddie Balaba yatangaje ko bishimye cyane avuga ko impamvu bitwaye neza ari uko bafashe igihe cyo gutegura abana b'Abanyarwanda kandi bakiri bato.

Akomeza avuga ko kwegukana iki gikombe bibahaye imbaraga zo gukomeza gukora birushijeho.

Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket mu Rwanda "RAC", Musaale Stephen yishimiye uko iri rushanwa ryagenze neza kandi ko kuba iri ryari rifite umuterankunga byongereye uguhangana.

Akomeza avuga ko nyuma y'iri rushanwa hari irindi riteganyijwe ariko bakazajya bakina udupira 60 ( 10 Overs).

Iri rushanwa "Dafabet RCA T20 League 2022" ryatangiye taliki 28 Kanama 2022 aho ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Cricket mu Rwanda "RCA" ku bufatanye n'abaterankunga barimo Dafabet, kompanyi yo mu Buhinde ikora ibijyanye no gutega ku mikino ndetse na Simba Voyages Ltd ikora ibijyanye n'ingendo zo mu kirere.

**Uko amakipe yakurikiranye**

Ikipe ya mbere yabaye Zonic Tigers CC, Kigali CC (2), Challengers CC (3), Kutchi Tigers CC (4), Telugu Royals CC (5) na Spartans CC (6).



RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave